

ITEGEKO N° 69/2013 RYO KUWA 02/09/2013 RYEREKEYE KOHEREREZANYA UKURIKIRANYWEHO ICYAHA <u>ISHAKIRO</u> <u>UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE</u> <u>Ingingo ya mberere:</u> Icyo iri tegeko rigamije <u>Ingingo ya 2:</u> Ibisobanuro by'amagambo <u>Ingingo ya 3:</u> Inzira zikoreshwa mu kohererezanya ukurikiranyweho icyaha <u>UMUTWE WA II: KOHEREZA UKURIKIRANYWEHO ICYAHA BISABWE U RWANDA</u> <u>Ingingo ya 4:</u> Icyaha gishingirwaho mu gusaba kohereza ukurikiranyweho icyaha <u>Ingingo ya 5:</u> Kutoherereza ikindi gihugu Umunyarwanda <u>Ingingo ya 6:</u> Gusaba ko umuntu ushakishwa yoherezwa <u>Ingingo ya 7:</u> Inyandiko ziherekeza isaba ryo kohererezanya ukurikiranyweho icyaha	LAW N° 69/2013 OF 02/09/2013 ON EXTRADITION <u>TABLE OF CONTENTS</u> <u>CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS</u> <u>Article One:</u> Purpose of this Law <u>Article 2:</u> Definitions of terms <u>Article 3:</u> Extradition procedure <u>CHAPTER II: EXTRADITION FROM RWANDA</u> <u>Article 4:</u> Offence for which extradition is requested <u>Article 5:</u> Non- extradition of a Rwandan <u>Article 6:</u> Extradition request <u>Article 7:</u> Documents required in support of extradition request	LOI N° 69/2013 DU 02/09/2013 RELATIVE A L'EXTRADITION <u>TABLE DES MATIERES</u> <u>CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GENERALES</u> <u>Article premier:</u> Objet de la présente loi <u>Article 2:</u> Définitions des termes <u>Article 3:</u> Procédure d'extradition <u>CHAPITRE II: EXTRADITION DEMANDEE AU RWANDA</u> <u>Article 4:</u> Infraction pour laquelle l'extradition est demandée <u>Article 5:</u> Non-extradition d'un Rwandais <u>Article 6:</u> Demande d'extradition <u>Article 7:</u> Documents requis pour demande d'extradition
--	---	--

<u>Ingingo ya 8:</u> Inyandiko ziherekeza isaba ry'icyemezo gishingana by'agateganyo cyangwa ry'ubunyage	<u>Article 8:</u> Documents accompanying a request for a provisional measure or for confiscation	<u>Article 8:</u> Documents accompagnant la demande d'une mesure conservatoire ou de confiscation
<u>Ingingo ya 9:</u> Gusaba ko haba ibanga	<u>Article 9:</u> Request for confidentiality	<u>Article 9:</u> Demande de confidentialité
<u>Ingingo ya 10:</u> Isuzuma ku rwego rw'ububanyi n'amahanga ry'isaba ryo kohereza ukurikiranyweho icyaha	<u>Article 10:</u> Consideration of the extradition request at the diplomatic level	<u>Article 10:</u> Examen au niveau diplomatique de la demande d'extradition
<u>Ingingo ya 11:</u> Ububasha bwo gufata icyemezo cy'iyoherezwa ry'ukurikiranyweho icyaha	<u>Article 11:</u> Power of taking decision about extradition	<u>Article 11:</u> Pouvoir de prendre une décision sur l'extradition
<u>Ingingo ya 12:</u> Amakuru y'inyongera	<u>Article 12:</u> Additional information	<u>Article 12:</u> Compléments d'information
<u>Ingingo ya 13:</u> Ifungwa ry'agateganyo	<u>Article 13:</u> Provisional detention	<u>Article 13:</u> Détention provisoire
<u>Ingingo ya 14:</u> Kudakoresha ibimenyetso bitandukanye n'ibyatanzwe mu isaba	<u>Article 14:</u> Prohibition of the use of evidence other than that contained in the request	<u>Article 14:</u> Interdiction de l'utilisation des éléments de preuve contraires à ceux de la demande
<u>Ingingo ya 15:</u> Isaba rikozwe n'ibihugu bitandukanye	<u>Article 15:</u> Concurrent requests	<u>Article 15:</u> Demandes concurrentes
<u>Ingingo ya 16:</u> Impamvu zituma kohererezanya ukurikiranyweho icyaha bitemerwa	<u>Article 16:</u> Grounds for rejection of extradition	<u>Article 16:</u> Motifs de refus d'extradition
<u>Ingingo ya 17:</u> Kumenyesha icyemezo cyo kwanga kohereza ukurikiranyweho icyaha	<u>Article 17:</u> Notification of refusal of extradition	<u>Article 17:</u> Notification du refus d'extradition
<u>Ingingo ya 18:</u> Iburanisha ry'umuntu ushakishwa utohererejwe igihugu gisaba	<u>Article 18:</u> Trial of a requested person who is not extradited	<u>Article 18:</u> Procès d'une personne recherchée non extradée

<u>Ingingo ya 19:</u> icyemezo cyo kohereza ukurikiranyweho icyaha wasabwe <u>Ingingo ya 20:</u> Itangwa ry'ukurikiranyweho icyaha wasabwe <u>Ingingo ya 21:</u> Igihe ntarengwa cyo gutanga umuntu ushakishwa <u>Ingingo ya 22:</u> Kohereza by'agateganyo umuntu ushakishwa UMUTWE III: IYOHEREZWA RY'UKURIKIRANYWEHO ICYAHA BISABWE N'U RWANDA <u>Ingingo ya 23:</u> Gusaba ko ukurikiranyweho icyaha yoherezwa mu Rwanda <u>Ingingo ya 24:</u> Urwego rufite ububasha bwo gusaba kohererezwa ukurikiranyweho icyaha <u>Ingingo ya 25:</u> Kohererezwa by'agateganyo ukurikiranyweho icyaha wasabwe <u>Ingingo ya 26:</u> Ifungwa ry'agateganyo n'iburanishwa ry'umuntu ushakishwa UMUTWE WA IV: INGINGO ZINYURANYE N'IZISOZA <u>Ingingo ya 27:</u> Urukiko ruburanisha ibyerekeye iyoherezwa ry'ukurikiranyweho icyaha	<u>Article 19:</u> Extradition Order <u>Article 20:</u> Surrender of the requested person <u>Article 21:</u> Time limit for surrender of the requested person <u>Article 22:</u> Temporary surrender of the requested person CHAPTER III: EXTRADITION TO RWANDA <u>Article 23:</u> Requesting for extradition of a requested person to Rwanda <u>Article 24:</u> Competent authority to request for extradition <u>Article 25:</u> Temporary surrender of the requested person <u>Article 26:</u> Provisional detention and trial of the requested person CHAPTER IV: MISCELLANEOUS AND FINAL PROVISIONS <u>Article 27:</u> Competent court to hear extradition matters	<u>Article 19:</u> Arrêté d'extradition <u>Article 20:</u> Remise de la personne recherchée <u>Article 21:</u> Délai de remise de la personne recherchée <u>Article 22:</u> Remise provisoire de la personne recherchée CHAPITRE III: EXTRADITION VERS LE RWANDA <u>Article 23:</u> Demande d'extradition d'une personne recherchée vers le Rwanda <u>Article 24:</u> Organe compétent pour faire une demande d'extradition <u>Article 25:</u> Remise provisoire de la personne recherchée <u>Article 26:</u> Détention provisoire et jugement de la personne recherchée CHAPITRE IV: DISPOSITIONS DIVERSES ET FINALES <u>Article 27:</u> Juridiction compétente pour connaître des questions d'extradition
--	---	---

<u>Ingingo ya 28:</u> Ihame ryihariye <u>Ingingo ya 29:</u> Kunyuzwa ku butaka bw'u Rwanda <u>Ingingo ya 30:</u> Kwishyura amafaranga akenerwa mu iyohereza <u>Ingingo ya 31:</u> Isubiza ry'umutungo <u>Ingingo ya 32:</u> Itegurwa, isuzumwa n'itorwa by'iri tegeko <u>Ingingo ya 33:</u> Ivanwaho ry'itegeko n'ingingo zose z'amategeko zinyuranyije n'iri tegeko <u>Ingingo ya 34:</u> Igihe itegeko ritangira gukurikizwa	<u>Article 28:</u> Rule of speciality <u>Article 29:</u> Transit through the Rwandan territory <u>Article 30:</u> Payment of costs of extradition <u>Article 31:</u> Return of assets <u>Article 32:</u> Drafting, consideration and adoption of this Law <u>Article 33:</u> Repealing provision <u>Article 34:</u> Commencement	<u>Article 28:</u> Règle de la spécialité <u>Article 29:</u> Transit sur le territoire du Rwanda <u>Article 30:</u> Paiement des coûts d'extradition <u>Article 31:</u> Remise des biens <u>Article 32:</u> Initiation, examen et adoption de la présente loi <u>Article 33:</u> Disposition abrogatoire <u>Article 34:</u> Entrée en vigueur
--	--	---

ITEGEKO N° 69/2013 RYO KUWA 02/09/2013 RYEREKEYE KOHEREREZANYA UKURIKIRANYWEHO ICYAHA	LAW N° 69/2013 OF 02/09/2013 ON EXTRADITION	LOI N° 69/2013 DU 02/09/2013 RELATIVE A L'EXTRADITION
Twebwe KAGAME Paul, Perezida wa Repubulika;	We, KAGAME Paul, President of the Republic;	Nous, KAGAME Paul, Président de la République;
INTEKO ISHINGA AMATEGEKO YEMEJE, NONE NATWE DUHAMIJE, DUTANGAJE ITEGEKO RITEYE RITYA KANDI DUTEGETSE KO RYANDIKWA MU IGAZETI YA LETA YA REPUBLIKA Y'U RWANDA	THE PARLIAMENT HAS ADOPTED AND WE SANCTION, PROMULGATE THE FOLLOWING LAW AND ORDER IT BE PUBLISHED IN THE OFFICIAL GAZETTE OF THE REPUBLIC OF RWANDA	LE PARLEMENT A ADOPTE ET NOUS SANCTIONNONS, PROMULGUONS LA LOI DONT LA TENEUR SUIT ET ORDONNONS QU'ELLE SOIT PUBLIEE AU JOURNAL OFFICIEL DE LA REPUBLIQUE DU RWANDA
INTEKO ISHINGA AMATEGEKO:	THE PARLIAMENT:	LE PARLEMENT:
Umutwe w'Abadepite, mu nama yawo yo kuwa 16 Gicurasi 2013;	The Chamber of Deputies, in its session of 16 May 2013;	La Chambre des Députés, en sa séance du 16 mai 2013 ;
Umutwe wa Sena, mu nama yawo yo kuwa 08 Gashyantare 2013;	The Senate, in its session of 08 February 2013;	Le Sénat, en sa séance du 08 février 2013;
Ishingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo kuwa 04 Kamena 2003 nk'uko ryavugururwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 20, iya 25, iya 62, iya 66, iya 67, iya 88, iya 89, iya 90, iya 92, iya 93, iya 95, iya 108 n'iya 201;	Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 04 June 2003 as amended to date, especially in Articles 20, 25, 62, 66, 67, 88, 89, 90, 92, 93, 95, 108 and 201;	Vu la Constitution de la République du Rwanda du 04 juin 2003 telle que révisée à ce jour, spécialement en ses articles 20, 25, 62, 66, 67, 88, 89, 90, 92, 93, 95, 108 et 201;
Ishingiye ku Masezerano y'i Geneve yerekeye amategeko agenga impunzi yo kuwa 28	Pursuant to the Geneva Convention relating to the Status of Refugees of 28 July 1951 ratified	Vu la Convention de Genève du 28 juillet 1951 relative au statut des réfugiés ratifiée par

Official Gazette n°42 of 21/10/2013

Nyakanga 1951 yemejwe n'Iteka rya Perezida n° 29/79 ryo ku wa 22 Ukwakira 2002; Ishingiye ku Masezerano Mpuzamahanga yerekeye Uburenganzira mu by'Imbonezamubano na Politiki yo kuwa 19 Ukuboza 1966 yemejwe n'Itegeko-Teka n°8/75 ryo kuwa 12 Gashyantare 1975; Ishingiye ku Masezerano y'Umuryango w'Ubumwe bw'Afurika yo kuwa 10 Ukwakira 1969 agenga imiterere y'ibibazo byihariye by'impunzi muri Afurika yemejwe n'Itegeko-Teka n° 30/79 ryo kuwa 22 Ukwakira 1979; Ishingiye ku Masezerano Mpuzamahanga agamije kurwanya iyicarubozo n'ibindi bikorwa cyangwa ibihano by'ubugome, bya kinyamaswa cyangwa bitesha umuntu agaciro, yashyiriweho umukono i New York ku wa 10 Ukuboza 1984 yemejwe n'Iteka rya Perezida n° 51/01 ryo kuwa 05 Nzeri 2008; Ishingiye ku Itegeko Ngenga n° 31/2007 ryo kuwa 25/07/2007 rikuraho igihano cyo kwicwa nk'uko ryahinduwe kandi ryujijwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 8; Ishingiye ku Itegeko Ngenga n° 51/2008 ryo kuwa 09 Nzeri 2008 rigena imiterere, imikorere n'ububasha by'inkiko nk'uko ryahinduwe kandi ryujijwe kugeza ubu;	by the Presidential Order n° 29/79 of 22 October 2002; Pursuant to the International Convention on Civil and Political Rights of 19 December 1966 ratified by Decree-Law n° 8/75 of 12 February 1975; Pursuant to the Convention of the Organization of African Unity of 10 October 1969 governing the specific aspects of refugee problems in Africa ratified by Decree-Law n° 30/79 of 22 October 1979; Pursuant to the International Convention against torture and other cruel, inhuman or degrading treatment or punishment signed in New York on 10 December 1984 ratified by Presidential Order n° 51/01 of 05 September 2008; Pursuant to Organic Law n° 31/2007 of 25/07/2007 relating to the abolition of the death penalty as modified and complemented to date especially in Article 8; Pursuant to Organic Law n° 51/2008 of 09 September 2008 determining the organization, functioning and jurisdiction of courts as modified and complemented to date;	Arrêté Présidentiel n° 29/79 du 22 octobre 2002; Vu le Pacte International relatif aux Droits Civils et Politiques du 19 décembre 1966 ratifié par Décret-Loi n° 8/75 du 12 février 1975; Vu la Convention de l'Organisation de l'Unité Africaine du 10 octobre 1969 régissant les aspects propres aux problèmes des réfugiés en Afrique ratifiée par Décret-Loi n° 30/79 du 22 octobre 1979; Vu la Convention contre la torture et autres peines ou traitements cruels, inhumains ou dégradants adoptée le 10 décembre 1984 à New York ratifiée par Arrêté Présidentiel n° 51/01 du 05 septembre 2008; Vu la Loi Organique n° 31/2007 du 25/07/2007 portant abolition de la peine de mort telle que modifiée et complétée à ce jour, spécialement en son article 8; Vu la Loi Organique n° 51/2008 du 09 septembre 2008 portant Code d'organisation, fonctionnement et compétence judiciaires telle que modifiée et complétée à ce jour;
---	--	---

Official Gazette n°42 of 21/10/2013

Ishingiye ku Itegeko Ngenga n° 01/2012/OL ryo kuwa 02/05/2012 rishyiraho igitabo cy'amategeko ahana; Ishingiye ku Itegeko n° 30/2013 ryo kuwa 24/05/2013 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'inshinyabyaha; Ishingiye ku Itegeko n° 47/2008 ryo kuwa 09/09/2008 rikumira kandi rihana iyezandonke no gutera inkunga iterabwoba; Ishingiye ku Itegeko n°45/2008 ryo kuwa 09/09/2008 ryerekeye kurwanya iterabwoba; Isubiye ku Itegeko ryo kuwa 12/04/1886 ryerekeye kohererezanya ukurikiranweho icyaha; YEMEJE: <u>UMUTWE WA MBERE:</u> INGINGO RUSANGE <u>Ingingo ya mbere:</u> Icyo iri tegeko rigamije Iri tegeko rigena uburyo bwo kohererezanya ukurikiranyweho icyaha, kugira ngo ashyikirizwe ubutabera cyangwa arangize igihano yakatiwe. <u>Ingingo ya 2:</u> Ibisobanuro by'amagambo Muri iri tegeko, amagambo akurikira asobanura ibi bikurikira:	Pursuant to Organic Law n° 01/2012/OL of 02/05/2012 instituting the Penal Code; Pursuant to Law n° 30/2013 of 24/05/2013 relating to the Code of Criminal Procedure ; Pursuant to Law n° 47/2008 of 09/09/2008 on the prevention and punishment of the crime of money laundering and financing of terrorism; Pursuant to Law n°45/2008 of 09/09/2008 on counter terrorism; Having reviewed the Decree of 12/04/1886 on extradition; ADOPTS: <u>CHAPTER ONE:</u> GENERAL PROVISIONS <u>Article One:</u> Purpose of this Law This Law determine the extradition procedure for the purposes of prosecution or enforcement of a sentence. <u>Article 2:</u> Definitions of terms For the purposes of this Law, the following terms shall mean the following:	Vu la Loi Organique n° 01/2012/OL du 02/05/2012 portant Code Pénal; Vu la Loi n° 30/2013 du 24/05/2013 portant Code de Procédure Pénale; Vu la Loi n° 47/2008 du 09/09/2008 relative à la prévention et à la répression du blanchiment de capitaux et du financement du terrorisme; Vu la Loi n° 45/2008 du 09/09/2008 relative à la lutte contre le terrorisme; Revu le Décret du 12/04/1886 relatif à l'extradition; ADOpte: <u>CHAPITRE PREMIER:</u> DISPOSITIONS GENERALES <u>Article premier:</u> Objet de la présente loi La présente loi détermine la procédure d'extradition à des fins de poursuite ou d'exécution d'une peine. <u>Article 2:</u> Définitions des termes Aux fins de la présente loi, les termes repris ci-après ont les significations suivantes:
---	---	--

1° amasezerano yo kohererezanya ukurikiranyweho icyaha: amasezerano u Rwanda rwagiranye n'ikindi gihugu yerekeranye no kohererezanya ukurikiranyweho icyaha; 2° igihugu gisaba: igihugu cy'amahanga gisaba u Rwanda gutanga umuntu ushakishwa; 3° igihugu gisabwa: igihugu cy'amahanga cyasabwe n'u Rwanda kohereza umuntu ushakishwa; 4° ihame ryihariye: ihame ryo kudakuriranwa cyangwa kudacirirwa urubanza ku bindi byaha usibye gusa icyaha cyasabiwe iyoherezwa; 5° umuntu ushakishwa: umuntu ukurikiranyweho icyaha n'igihugu gisaba ko yoherezwa kugira ngo abe ari cyo kimuburanisha cyangwa arangirizemo igihano yakatiwe; 6° kohererezanya ukurikiranyweho icyaha: ugutanga umuntu ushakishwa n'ikindi gihugu uri ku butaka bw'u Rwanda cyangwa uri ku butaka bw'ikindi gihugu bisabwe n'u Rwanda.	1° extradition treaty: agreement between Rwanda and another country relating to the surrender of a person prosecuted for an offence; 2° requesting State: foreign country that requests Rwanda to surrender a requested person; 3° requested State: a foreign country that Rwanda has requested to surrender a requested person; 4° rule of specialty: a principle that a person can be prosecuted or tried only for the offences for which extradition was sought; 5° requested person: a person prosecuted for an offence by a State requesting his/her extradition for that person to be tried by that State or for him/her to serve the sentence in that State; 6° extradition: the surrender of a person within the Rwandan territory requested by a foreign State or that of a person within the territory of a foreign State requested by the Rwandan State.	1° traité d'extradition: traité conclu entre le Rwanda et un autre pays concernant la remise d'une personne poursuivie pour une infraction; 2° Etat requérant: pays étranger qui demande au Rwanda de remettre une personne recherchée; 3° Etat requis: pays étranger auquel le Rwanda a demandé de lui remettre une personne recherchée; 4° règle de la spécialité: principe selon lequel une personne ne peut être poursuivie ou jugée que pour une infraction pour laquelle l'extradition a été demandée; 5° personne recherchée: personne poursuivie pour une infraction par un Etat requérant son extradition pour être jugée par cet Etat ou pour y purger sa peine; 6° extradition: remise d'une personne se trouvant sur le territoire rwandais recherchée par un Etat étranger ou de celle se trouvant sur le territoire d'un Etat étranger à la demande de l'Etat Rwandais.
--	---	---

<u>Ingingo ya 3: Inzira zikoreshwa mu kohererezanya ukurikiranyweho icyaha</u> Kohererezanya ukurikiranyweho icyaha hagati y'u Rwanda n'ikindi gihugu bikorwa ari uko hari amasezerano yo kohererezanya ukurikiranyweho icyaha. Icyakora, iyo nta masezerano yo kohererezanya ukurikiranyweho icyaha asanzweho, kohererezanya ukurikiranyweho icyaha bikorwa binyuze mu bwumvikane hagati y'ibihugu byombi. <u>UMUTWE WA II: KOHEREZA UKURIKIRANYWEHO ICYAHA BISABWE U RWANDA</u>	<u>Article 3: Extradition procedure</u> Extradition between Rwanda and another country shall occur where there is an extradition treaty between Rwanda and that country. However, if no extradition treaty exists, extradition shall take place by agreement between the two countries. <u>CHAPTER II: EXTRADITION FROM RWANDA</u>	<u>Article 3: Procédure d'extradition</u> L'extradition entre le Rwanda et un autre pays se fait lorsqu'il existe un traité d'extradition entre le Rwanda et ce pays. Toutefois, s'il n'existe aucun traité d'extradition, l'extradition se fait au moyen d'une entente entre les deux pays. <u>CHAPITRE II: EXTRADITION DEMANDEE AU RWANDA</u>
<u>Ingingo ya 4: Icyaha gishingirwaho mu gusaba kohereza ukurikiranyweho icyaha</u> Kohereza ukurikiranyweho icyaha bisabwe u Rwanda bigomba kuba bishingiye ku byaha bikurikira: 1° icyaha cyo mu rwego mpuzamahanga; 2° icyaha cyambuka imbibi; 3° icyaha cy'ubugome; 4° icyaha cya jenocide. Uru rutonde rushobora kongerwaho ibindi byaha impande zombi zimaze kubyumvikanaho, kandi	<u>Article 4: Offence for which extradition is requested</u> Extradition from Rwanda shall be requested in case of the following offences: 1° international crime; 2° trans-boundary crime; 3° felony; 4° crime of genocide. Other offences may be added to this list as agreed upon by the parties and the act giving	<u>Article 4: Infraction pour laquelle l'extradition est demandée</u> L'extradition est demandée au Rwanda dans le cas des infractions suivantes: 1° crime international; 2° crime transfrontalier; 3° crime; 4° crime de génocide. Sur accord entre les parties, d'autres infractions peuvent être ajoutées à cette liste et

igikorwa isaba ry'ukurikiranyeho icyaha rishingiraho kigomba kuba cyaragizwe icyaha mu mategeko y'u Rwanda cyangwa kibangamira uburenganzira mpuzamahanga.	rise to the extradition request shall constitute an offence under Rwandan Law or violate International Law.	l'acte donnant lieu à la demande d'extradition doit être érigé en infraction par la loi rwandaise ou violer le droit international.
<u>Ingingo ya 5: Kutoherereza ikindi gihugu Umunyarwanda</u>	<u>Article 5: Non-extradition of a Rwandan</u>	<u>Article 5: Non-extradition d'un Rwandais</u>
Nta Munyarwanda ushobora kohererezwa ikindi gihugu kimukurikiranyeho icyaha.	No Rwandan shall be extradited from Rwanda to any foreign State.	Aucun Rwandais ne peut être extradé du Rwanda dans un pay étranger.
<u>Ingingo ya 6: Gusaba ko umuntu ushakishwa yoherezwa</u>	<u>Article 6: Extradition request</u>	<u>Article 6: Demande d'extradition</u>
Gusaba kohererezwa umuntu ushakishwa bikorwa mu nyandiko ishyikirizwa Minisitiri ufite ububanyi n'amahanga mu nshingano ze.	The extradition request shall be made in writing and submitted to the Minister in charge of foreign affairs.	La demande d'extradition se fait par écrit et est soumise au Ministre ayant les affaires étrangères dans ses attributions.
Ubwo busabe bunyuzwa mu nzego z'ububanyi n'amahanga. Mu gihe byihutirwa, isaba rishobora kunyuzwa muri Polisi Mpuzamahanga cyangwa rigakorwa n'ubuyobozi bw'ibindi bihugu bibifitiye ububasha bukaryohereza inzego z'ubutabera binyujijwe mu iposita ku buryo bushinganye cyangwa indi nzira iyo ari yo yose yihuta isiga ikimenyetso cyanditse cyangwa ikindi kintu gihwanyije agaciro na cyo.	The extradition request shall be made through diplomatic channels. In case of emergency, the request may be made through Interpol or by relevant authorities of foreign States and sent to the judicial authority by registered mail or any other expeditious means which leave a written record or its equivalent.	La demande d'extradition se fait par le biais des voies diplomatiques. En cas d'urgence, la demande peut se faire par le biais d'Interpol ou être faite par les autorités compétentes des pays étrangers et est envoyée à l'autorité judiciaire par courrier recommandé ou par tout autre moyen rapide laissant une trace écrite ou son équivalent.
Iyo bibaye ngombwa hafatwa icyemezo cyo gushingana by'agateganyo cyangwa kunyaga umutungo ukomoka ku cyaha cyangwa wifashishijwe mu gukora icyaha isaba ry'iyoherezwa rishingiraho, binyuze mu nzira zavuzwe mu gika cya 2 cy'iyi ngingo.	Where necessary, a provisional measure or confiscation order in respect of the property derived from or used in committing the offence for which extradition is requested shall be issued through the channels provided under Paragraph 2 of this Article.	En cas de nécessité, une mesure conservatoire ou de confiscation des biens dérivés de la perpétration de l'infraction pour laquelle l'infraction a été demandée ou ayant servi à sa perpétration sont prises à travers les voies visées à l'alinéa 2 du présent article.

Icyo gihe, iyo hatabayeho gushimangira isaba binyuze mu nzego z'ububanyi n'amahanga, isaba ntirikurikiranwa.	In such case, unless confirmation through diplomatic channels is given, the request shall be ignored.	Dans ce cas, en l'absence de confirmation réalisée par la voie diplomatique, la demande reste sans suite.
<u>Ingingo ya 7: Inyandiko ziherekeza isaba ryo kohererezanya ukurikiranyweho icyaha</u>	<u>Article 7: Documents required in support of extradition request</u>	<u>Article 7: Documents requis pour demande d'extradition</u>
Isaba ryo kohererezanya ukurikiranyweho icyaha riherekeweza n'inyandiko zikurikira, kandi zigomba kuba zifite agaciro k'inyandiko mvaho:	The extradition request shall be transmitted along with the following documents which shall be certified as authentic:	La demande d'extradition est accompagnée de documents suivants qui doivent être certifiés en tant qu'actes authentiques:
1° inyandiko igaragaza urwego rusaba icyo cyemezo;	1° a document disclosing the identity of the authority from which the request emanates;	1° un document indiquant l'identité de l'autorité dont émane la demande;
2° inyandiko igaragaza urwego rusabwa icyo cyemezo;	2° a document indicating the authority to which the request is addressed;	2° un document indiquant l'identité de l'autorité à laquelle la demande est adressée;
3° umwirondoro w'umuntu ushakishwa, ubwenegihugu bwe n'andi makuru yose yatuma aho ari hamenyekana;	3° the identity of the requested person, his/her nationality and any other information that might indicate his/her whereabouts;	3° l'identité de la personne recherchée, sa nationalité ainsi que toute autre information susceptible d'indiquer où elle se trouve;
4° inyandiko igaragaza icyaha isaba ry'ukurikiranyweho icyaha rishingiraho, ikanasobanura ibikigize, ahantu n'igihe cyakorewe, ingingo zigihana n'ibihano gishobora guhanishwa;	4° a description of the offence for which extradition is requested and the constituent elements, the place and time of its commission, legal provisions under which it is punishable and penalties attached thereto;	4° un exposé de l'infraction pour laquelle l'extradition est demandée, de ses éléments constitutifs, du lieu et du moment de sa commission, des dispositions légales en vertu desquelles elle est punissable et des peines correspondantes;

5° urupapuro rufata rutanze n'urukiko cyangwa urundi rwego rubifitiye ububasha niba ifatwa ry'umuntu ushakishwa ryarasabwe; 6° inyandiko yerekana uburyo umuntu ushakishwa yakoresha yiregura cyangwa asubirishamo urubanza mu gihe rwaba rwaraciwe adahari; 7° inyandiko yemeza ko ikigamijwe ari ukugira ngo umuntu ushakishwa ashyikirizwe ubutabera cyangwa arangize igihano; 8° inyandiko isobanura ubufatanye busabwa n'ibisobanuro birambuye by'uburyo igihugu gisaba cyifuza ko bukoreshwa. Iyo hasabwa iyoherezwa ry'umuntu wahamwe n'icyaha, isaba riherekewe n'icyemezo cy'urukiko cyangwa kopi yacyo iriho umukono wa Noteri cyangwa indi nyandiko yose yemeza ko uwo muntu yahamwe n'icyaha, ikanerekana igihano yahawe, ikanagaragaza niba icyemezo cy'urukiko kigomba kurangizwa hamwe n'ibihano bitarangiye. Inyandiko zivugwa muri iyi ngingo ziherekewe n'inyandiko zihinduwe muri rumwe mu ndimi zikoreshwa mu butegetsi muri Repubulika y'u Rwanda.	5° an arrest warrant issued by a court or any other competent organ if the arrest of the requested person is requested; 6° a statement of the legal means available to the requested person to prepare his/her defence or to lodge an opposition if the judgment was rendered in absentia; 7° a statement establishing that the requested person is wanted to face justice or for the enforcement of the sentence; 8° a statement describing the assistance needed and details of any particular procedure that the requesting State wishes to be followed. In the case of request for extradition of a person convicted of an offence, the extradition request shall be accompanied by the original or a certified copy of the judgment or any other document setting out the conviction and the sentence imposed, whether the sentence is enforceable and the extent to which the sentence remains to be served. The documents referred to under this Article shall be accompanied by documents translated in one of the official languages of the Republic of Rwanda.	5° un mandat d'arrêt lancé par une juridiction ou tout autre organe compétent si l'arrestation de la personne recherchée a été requise; 6° une déclaration spécifiant les moyens dont dispose la personne recherchée pour préparer sa défense ou pour se pourvoir en opposition si le jugement a été rendu par défaut; 7° une déclaration affirmant que la personne est recherchée pour être traduite devant la justice ou pour purger la peine; 8° une déclaration décrivant l'assistance requise et les détails de la procédure que l'Etat requérant souhaite voir appliquer. En cas d'extradition d'une personne reconnue coupable d'une infraction, la demande doit s'accompagner du jugement ou d'une copie certifiée conforme du jugement ou de tout autre document établissant la culpabilité de l'intéressé, la peine prononcée et le fait que le jugement est exécutoire en même temps que la peine non encore exécutée. Les documents visés au présent article doivent être accompagnés par les documents traduits dans l'une des langues officielles de la République du Rwanda.
---	--	---

Ingingo ya 8: Inyandiko ziherekeza isaba ry'icyemezo gishingana by'agateganyo cyangwa ry'ubunyage Isaba rigamije iyubahirizwa ry'icyemezo gishingana by'agateganyo cyangwa ry'icyemezo cy'ubunyage riherekizwa n'ibi bikurikira: 1° inyandiko igaragaza urwego rusaba icyo cyemezo; 2° inyandiko igaragaza urwego rusabwa icyo cyemezo; 3° inyandiko isobanura icyemezo gishingana by'agateganyo iyo hasabwa bene icyo cyemezo; 4° raporo y'ibimenyetso bya ngombwa n'ibitekerezo bituma inzego z'ubutabera zifata icyemezo cy'ubunyage hakurikijwe amategeko y'igihugu, iyo hasabwa gufata icyo cyemezo; 5° kopi y'icyemezo ihuje n'iy'umwimerere igaragaza impamvu zacyo, yaba itazigaragaza, ikaba iriho isobanurampamvu; 6° inyandiko ihamya ko icyo cyemezo kigomba kurangizwa kandi kidashobora kujuririrwa mu nzira z'ubujurire zisanzwe;	Article 8: Documents accompanying a request for a provisional measure or for confiscation The request for enforcement of a decision of a provisional measure or of confiscation shall be accompanied by the following: 1° a document indicating the authority requesting for the measure; 2° a document indicating the authority to which the request is addressed; 3° a statement describing the provisional measures in the case of a request for such measures; 4° a statement of the relevant facts and arguments to enable the judicial authorities to order the confiscation under domestic law in the case of request for the issuance of a confiscation Order; 5° a certified copy of the decision stating its reasons and, if it does not state such reasons, an explanatory note of such reasons; 6° a certification that the decision is enforceable and not subject to ordinary means of appeal;	Article 8: Documents accompagnant la demande d'une mesure conservatoire ou de confiscation La demande d'exécution d'une décision d'une mesure conservatoire ou de confiscation est accompagnée par les éléments suivants: 1° un document indiquant l'autorité qui sollicite la mesure; 2° un document indiquant l'autorité à laquelle la demande est adressée; 3° un descriptif de mesures conservatoires en cas de demande de telles mesures; 4° un exposé des faits et arguments pertinents devant permettre, en vertu du droit interne, aux autorités judiciaires de prononcer la confiscation, en cas de demande d'une décision de confiscation; 5° une copie certifiée conforme à la décision énonçant ses motifs et, à leur défaut, l'exposé de ses motifs; 6° une attestation selon laquelle la décision est exécutoire et n'est pas susceptible de voies de recours ordinaires;
--	--	---

7° inyangiko yerekana aho ishyirwa mu bikorwa ry'icyemezo rigarukira byaba ngombwa hakerekanwa umubare w'amafaranga asabwa ku mutungo; 8° inyangiko isobanura ibijyanye n'uburenganzira abandi bantu bashobora gusaba ko bwubahirizwa ku bikoreho, ku mitungo cyangwa ibindi bintu bivugwa iyo bishoboka; 9° inyangiko isobanura ubufatanye busabwa n'ibisobanuro birambuye by'uburyo igihugu gisaba cyifuza ko bukoreshwa. Inyangiko zivugwa muri iyi ngingo ziherekezwa n'inyandiko zihinduwe muri rumwe mu ndimi zikoreshwa mu butegetsi muri Repubulika y'u Rwanda. <u>Ingingo ya 9: Gusaba ko haba ibanga</u> Igihe hari igihugu cyifuje ko isaba ryacyo rigirwa ibanga, biremerwa. Iyo bidashoboka, igihugu cyabisabye kibimenyeshwa mu buryo bwihutirwa. <u>Ingingo ya 10: Isuzuma ku rwego rw'ububanyi n'amahanga ry'isaba ryo kohereza ukurikiranyweho icyaha</u> Minisitiri ufite ububanyi n'amahanga mu nshingano ze yohereza Minisitiri ufite	7° the indication of the limits within which the decision shall be enforced and, where appropriate, the amount of money for which recovery is sought in the property; 8° if appropriate, the indication related to the rights that third parties can claim over the instruments, property or other things specified; 9° a description of the required assistance and the details of any particular procedure that the requesting State wishes to see applied. Documents referred to under this Article shall be accompanied by documents translated in one of the official languages of the Republic of Rwanda. <u>Article 9: Request for confidentiality</u> When the requesting State asks that request be kept confidential, such a request is granted. If it is impossible, the requesting State shall be informed without delay. <u>Article 10: Consideration of the extradition request at the diplomatic level</u> The Minister in charge of Foreign Affairs shall forward to the Minister in charge of Justice the	7° l'indication des limites dans lesquelles la décision doit être exécutée et, le cas échéant, du montant de la somme à récupérer sur un bien; 8° si possible, l'indication relative aux droits que des tiers peuvent revendiquer sur les instruments, biens ou autres choses spécifiées; 9° une description de l'assistance requise et les détails de la procédure particulière que l'Etat requérant souhaite voir appliquer. Les documents visés au présent article doivent être accompagnés par les documents traduits dans l'une des langues officielles de la République du Rwanda. <u>Article 9: Demande de confidentialité</u> Lorsque l'Etat requérant demande que la requête soit tenue confidentielle, il en est fait droit. En cas d'impossibilité, l'Etat requérant en est informé sans délai. <u>Article 10: Examen au niveau diplomatique de la demande d'extradition</u> Le Ministre ayant les affaires étrangères dans ses attributions envoie au Ministre ayant la
---	--	---

ubutabera mu nshingano ze inyandiko isaba iyohereza ry'ukurikiranyweho icyaha, hamwe n'izindi nyandiko ziherekeza isaba. Iyo nta masezerano yo kohererezanya ukurikiranyweho icyaha ahari, kohererezanya ukurikiranyweho icyaha bikorwa binyuze mu bwumvikane hagati y'ibihugu byombi, igihugu gisaba kikagaragariza u Rwanda mu masezerano yihariye ko na cyo kizubahiriza isaba ry'u Rwanda rikozwe muri ubwo buryo.	extradition request, along with the supporting documents. Where no extradition treaty exists, extradition shall be made through mutual understanding between two States, the requesting State indicating to Rwanda in a special treaty that it would equally honour a similar request made by Rwanda.	justice dans ses attributions la demande d'extradition accompagnée des documents à l'appui. S'il n'existe aucun traité d'extradition, l'extradition est faite par le biais d'une entente mutuelle entre les deux Etats, l'Etat requérant indiquant au Rwanda dans un traité spécial qu'il respectera également une demande similaire faite par le Rwanda.
<u>Ingingo ya 11: Ububasha bwo gufata icyemezo cy'iyoherezwa ry'ukurikiranyweho icyaha</u> Minisitiri ufite ubutabera mu nshingano ze amaze kubona inyandiko isaba iyohereza ry'ukurikiranyweho icyaha ahawe na Minisitiri ufite ububanyi n'amahanga mu nshingano ze no kugisha inama Ubushinjacyaha Bukuru cyangwa Ubushinjacyaha bwa Gisirikare ndetse no kureba niba ibiteganywa n'iri tegeko cyangwa amasezerano yo kohererezanya ukurikiranyweho icyaha byarubahirijwe, afata icyemezo cyo kohereza umuntu ushakishwa. Icyakora, iyo amasezerano yo kohererezanya ukurikiranyweho icyaha ateganywa ko icyemezo cyo kohereza ukurikiranyweho icyaha gifatwa n'umucamanza, Minisitiri ufite ubutabera mu nshingano ze ahita yohereza iyo nyandiko Ubushinjacyaha Bukuru cyangwa Ubushinjacyaha bwa Gisirikare kugira ngo	<u>Article 11: Power of taking decision about extradition</u> Upon receiving the extradition request from the Minister in charge of Foreign Affairs, after consultation with the National Public Prosecution Authority or Military Prosecution Department and after checking whether the conditions provided under this Law or extradition treaty are met, the Minister in charge of Justice shall take a decision to surrender the requested person. However, if there is an extradition treaty which provides that the decision of the extradition is taken by a judge, the Minister in charge of Justice shall immediately forward the extradition request to the National Public Prosecution Authority or Military Prosecution Department in order for them to ask the	<u>Article 11: Pouvoir de prendre une décision sur l'extradition</u> Après avoir reçu la demande d'extradition de la part du Ministre ayant les affaires étrangères dans ses attributions et après concertation avec l'Organe National de Poursuite Judiciaire ou avec l'Auditorat Militaire et après avoir vérifié si les conditions prévues par la présente loi ou les traités d'extradition sont remplis, le Ministre ayant la justice dans ses attributions prend la décision de remettre la personne recherchée. Toutefois, dans le cas d'un traité d'extradition qui prévoit que la décision sur l'extradition est laissée à la discrétion d'un juge, le Ministre ayant la justice dans ses attributions transmet immédiatement la demande à l'Organe National de Poursuite Judiciaire ou à l'Auditorat Militaire pour que celui-ci

busabe urwego rubifitiye ububasha gusuzuma niba umuntu ushakishwa wasabwe yatangwa. Iyo hari icyemezo kigomba gufatwa cyerekeranye n'ishingana ry'agateganyo cyangwa inyaga binyuzwa mu rukiko rubifitiye ububasha bisabwe n'Ubushinjacyaha Bukuru cyangwa Ubushinjacyaha bwa Gisirikare. <u>Ingingo ya 12: Amakuru y'inyongera</u> Minisitiri ufite ubutabera mu nshingano ze cyangwa Ubushinjacyaha bwashyikirijwe ikibazo, babyibwirije cyangwa babisabwe n'Urukiko rubifitiye ububasha, bashobora gusaba, binyuze mu nzego z'ububanyi n'amahanga cyangwa ku buryo butaziguye, urwego rubifitiye ububasha bwo mu kindi gihugu gutanga amakuru y'inyongera ya ngombwa kugira ngo isaba rikorwe neza cyangwa iyubahirizwa ryaryo ryoroshywe. <u>Ingingo ya 13: Ifungwa ry'agateganyo</u> Mbere yo gusaba ko ukurikiranyweho icyaha yoherezwa, igihugu gisaba gishobora kubanza gusaba ko umuntu ushakishwa aba afunzwe by'agateganyo. Iryo saba rishyikirizwa Minisitiri ufite ububanyi n'amahanga mu nshingano ze. Iryo saba rigomba kuba riherekewe n'inyandiko y'ifata n'ifunga n'izindi nyandiko zisobanura impamvu z'iryo fungwa.	relevant authority to determine whether the requested extradition can be granted. In case of a need to take a provisional or confiscation measure, the request shall be made through the relevant court upon request by the National Public Prosecution Authority or Military Prosecution Department. <u>Article 12: Additional information</u> The Minister in charge of Justice or the National Public Prosecution seized of the matter, either on own initiative or upon request of the competent Court, may solicit, through diplomatic channels or directly, the foreign competent authority for purposes of providing all additional information necessary to better carry out the request or facilitate its enforcement. <u>Article 13: Provisional detention</u> Before requesting extradition, a requesting State may make a request for provisional detention of the requested person. Such a request shall be forwarded to the Minister in charge of foreign affairs. The request shall be accompanied by an arrest warrant and other documents describing the reasons for arrest.	demande à l'autorité habilitée de déterminer si l'extradition demandée peut être accordée. En cas de nécessité de mesure conservatoire ou de confiscation, la demande se fait par le biais de la juridiction compétente sur demande de l'Organe National de Poursuite Judiciaire ou l'Auditorat Militaire. <u>Article 12: Compléments d'information</u> Le Ministre ayant la justice dans ses attributions ou l'Organe National de Poursuite saisi, soit d'initiative, soit à la demande de la juridiction compétente, peut solliciter, par voies diplomatiques ou directement, l'autorité compétente étrangère de fournir toutes les informations complémentaires nécessaires pour mieux exécuter la demande ou en faciliter l'exécution. <u>Article 13: Détention provisoire</u> Avant de procéder à la demande d'extradition, l'Etat requérant peut demander la détention provisoire de la personne recherchée. Cette demande est adressée au Ministre ayant les affaires étrangères dans ses attributions. La demande doit être accompagnée d'un mandat d'arrêt et autres documents décrivant les motifs d'arrestation.
--	--	--

Minisitiri ufite ububanyi n'amahanga mu nshingano ze ashyikiriza Minisitiri ufite ubutabera mu nshingano ze izo nyandiko zisaba ifungwa ry'agateganyo.	The Minister in charge of foreign affairs shall forward the documents related to request for provisional detention to the Minister in charge of Justice.	Le Ministre ayant les affaires étrangères dans ses attributions transmet les documents relatifs à la demande de détention provisoire au Ministre ayant la justice dans ses attributions.
Minisitiri ufite ubutabera mu nshingano ze amaze kubona isaba ry'ifungwa ry'agateganyo, areba niba hari inyandiko ifata umuntu ushakishwa yatanze cyangwa niba uwo muntu yarakatiwe igihano kuri kimwe mu byaha isaba ry'iyohereza rishingiraho. Iyo Minisitiri ufite ubutabera mu nshingano ze asanze ibisabwa byujwe, ateguka, akoresheje inyandiko, Umushinjacyaha Mukuru cyangwa Umushinjacyaha Mukuru wa Gisirikare gufunga by'agateganyo uwo muntu ushakishwa.	Upon receipt of the request for provisional detention, the Minister in charge of Justice shall determine if the requested person is subject to an arrest warrant or a conviction has been handed down for one of the extraditable offences. When the Minister in charge of justice establishes that such conditions are met, he/she shall give a written order to the Prosecutor General or to the Military Prosecutor General to provisionally detain the requested person.	Après réception de la demande de détention provisoire, le Ministre ayant la justice dans ses attributions vérifie si un mandat d'arrêt de la personne recherchée a été lancé ou si une condamnation a été prononcée pour l'une des infractions donnant lieu à extradition. Lorsque le Ministre ayant la justice dans ses attributions constate que ces conditions sont remplies, il donne instruction par écrit au Procureur Général ou à l'Auditeur Général Militaire de procéder à la détention provisoire de cette personne recherchée.
<u>Ingingo ya 14: Kudakoresha ibimenyetso bitandukanye n'ibyatanzwe mu isaba</u>	<u>Article 14: Prohibition of the use of evidence other than that contained in the request</u>	<u>Article 14: Interdiction de l'utilisation des éléments de preuve contraires à ceux de la demande</u>
Birabujijwe gukoresha mu iperezeza cyangwa mu miburanishirize ibimenyetso bitandukanye n'ibyataganyijwe mu isaba ryakozwe n'ikindi gihugu. Kubikoresha byatuma iryo perereza n'iyi miburanishirize biba imfabusa, keretse bibanje kwemerwa na Leta y'icyo gihugu gisaba.	For investigations or procedures, the use of evidence other than that provided for by another country request is prohibited. Such use may lead to nullity of the said investigations and procedures, unless there is a prior consent by the requesting State.	L'utilisation dans des enquêtes ou des procédures des éléments de preuve non conformes à ceux prévus à la demande d'un autre pays est prohibée. Une telle utilisation peut entraîner la nullité desdites enquêtes et procédures, sauf consentement préalable de l'Etat requérant.
<u>Ingingo ya 15: Isaba rikozwe n'ibihugu bitandukanye</u>	<u>Article 15: Concurrent requests</u>	<u>Article 15: Demandes concurrentes</u>
Iyo isaba ry'iyohereza ry'ukurikiranyweho icyaha rikozwe n'ibihugu bitandukanye ku	When several States request extradition either for the same offence or for different offences,	Lorsque plusieurs Etats demandent l'extradition soit pour une même infraction,

cyaha kimwe cyangwa ibyaha bitandukanye, Minisitiri ufite ubutabera mu nshingano ze ahitamo Igihugu azemerera isaba. Mu kugena igihugu cyemererwa isaba hitabwa kuri ibi bikurikira: 1° amasezerano ari hagati y'u Rwanda n'ibihugu bisaba; 2° igihe n'aho icyaha cyakorewe; 3° uko inyandiko z'isaba zaje zikurikirana; 4° ubwenegihugu bw'umuntu ushakishwa n'ubw'uwakorewe icyaha; 5° niba iyohereza risabwa kugira ngo umuntu akurikiranwe n'ubutabera, cyangwa arangize igihano; 6° uburemere bw'icyaha. <u>Ingingo ya 16: Impamvu zituma kohererezanya ukurikiranyeho icyaha bitemerwa</u> Minisitiri ufite ubutabera mu nshingano ze ntashobora gufata icyemezo cyo kohereza ukurikiranyeho icyaha iyo hari nibura imwe mu mpamvu zikurikira:	the Minister in charge of justice shall determine for which State the extradition to be granted. The following factors shall be considered when determining for which State the extradition to be granted: 1° existing treaties between Rwanda and the requesting States; 2° time and place of commission of the offence; 3° order in which requests are received; 4° nationality of the requested person and of the victim; 5° whether extradition is requested for the purpose of prosecution or serving of a sentence; 6° severity of the offence. <u>Article 16: Grounds for rejection of extradition</u> The Minister in charge of justice shall not grant the extradition in any of the following circumstances:	soit pour des infractions différentes, le Ministère ayant la justice dans ses attributions détermine l'Etat pour lequel l'extradition sera accordée. Les circonstances suivantes sont considérées en déterminant le pays pour lequel l'extradition doit être accordée: 1° les traités existant entre le Rwanda et les Etats requérants; 2° la période et le lieu de la commission de l'infraction; 3° l'ordre d'arrivée des demandes; 4° la nationalité de la personne recherchée et celle de la victime; 5° si l'extradition est demandée aux fins des poursuites ou de purger une peine; 6° la gravité de l'infraction. <u>Article 16: Motifs de refus d'extradition</u> Le Ministre ayant la justice dans ses attributions ne peut pas accorder l'extradition dans l'une des circonstances suivantes:
--	--	--

1° iyo u Rwanda rufite ibimenyetso bigaragaza ko iyoherezwa ryasabwe hagambiriwe gukurikirana cyangwa guhana umuntu hagendewe ku bwoko bwe, idini, ubwenegihugu, inkomoko, ibitekerezo bye bya politiki, igitsina cyangwa imimerere ye; cyangwa iyo umuntu ashobora guhungabanywa kubera imwe muri izo mpamvu; 2° iyo umuntu usabirwa koherezwa ashobora kwicwa urubozo mu gihugu gisaba, cyangwa gukorerwa ibikorwa by'ubugome, ibikorwa cyangwa ibihano bidakwiye umuntu cyangwa bimutesha agaciro; cyangwa iyo atahawe cyangwa ashobora kudahabwa uburenganzira bw'ibanze mu byerekeye ikurikiranacyaha nk'uko biteganywa n'Amasezerano Mpuzamahanga yerekeye uburenganzira mu by'imbonezamubano na politiki yo ku wa 19 Ukuboza 1966; 3° iyo u Rwanda rusanga, nubwo ari ngombwa kureba imiterere y'icyaha ndetse n'inyungu z'igihugu gisaba, uko kohereza kwaba kutubahirije ibikwiye inyokomuntu hashingiye ku myaka, ubuzima cyangwa ibindi byihariye kuri uwo muntu ushakishwa;	1° if Rwanda has evidence to indicate that the request for extradition was made for the purpose of prosecuting or punishing the requested person on the basis of that person's race/ethnicity, religion, nationality, origin, political opinions, sex or status or if that the person's position may be prejudiced due to one of these reasons; 2° if the requested person would be subjected to torture or cruelty, inhuman or degrading treatment or if that person has not received or would not receive the minimum guarantees in criminal proceedings as provided for under the International Covenant on Civil and Political Rights of 19 December 1966; 3° if Rwanda, while taking into account the necessity of the nature of the offence and interests of the requesting State, considers that such extradition does not respect guarantees of human treatment on the basis of age, health, or other personal conditions of the requested person incompatible with humanitarian considerations;	1° si le Rwanda a des raisons de croire que ladite extradition a été demandée aux fins de poursuivre ou de punir une personne en raison de sa race/ethnie, de sa religion, de sa nationalité, de son origine, de ses opinions politiques, de son sexe ou de son statut ou lorsque cette personne peut être préjudiciée pour l'une quelconque de ces raisons; 2° si la personne dont l'extradition est demandée ferait objet de torture ou de peines ou traitements cruels, inhumains ou dégradants ou si cette personne ne recevrait pas un minimum de garanties en matière de procédure pénale telles que prévues par le Pacte International relatif aux droits civils et politiques du 19 décembre 1966 ; 3° si le Rwanda, tout en prenant aussi en compte la nature de l'infraction et les intérêts de l'Etat requérant, considère que l'extradition serait incompatible avec des considérations humanitaires compte tenu de l'âge, de l'état de santé ou d'autres circonstances personnelles de la personne recherchée;
--	---	--

4° iyo ibyaha byasabiwe iyoherezwa ari ibya politiki cyangwa isaba rishingiye ku mpamvu za politiki;	4° when offences for which extradition is requested are of political nature or if the extradition is based on political motives;	4° lorsque les infractions pour lesquelles l'extradition est demandée ont un caractère politique ou si elle est demandée dans un but politique ;
5° iyo igihano cy'icyaha cyasabiwe iyoherezwa ari ukwicwa;	5° when the offence for which extradition is requested is punishable by death;	5° lorsque l'infraction pour laquelle l'extradition est demandée est punissable de la peine de mort;
6° iyo igikorwa gituma kohereza ukurikiranyweho icyaha bisabwa kitaragizwe icyaha n'itegeko ry'u Rwanda n'iry'amahanga;	6° when the act giving rise to the request for extradition is not considered as a crime by the Rwandan and foreign Law;	6° lorsque l'acte donnant lieu à la demande d'extradition n'est pas érigé en infraction par la loi rwandaise et par la loi étrangère ;
7° ibikorwa bigize icyaha gisabirwa iyoherezwa bikiri mu ikurikirana ry'icyaha mu nkiko z'u Rwanda, cyangwa urubanza rwaraciwe burundu;	7° when the act constituting the offence for which extradition is requested is still pending under criminal prosecution in Rwandan Courts or when the judgment was finally pronounced;	7° lorsque la poursuite pénale basée sur les actes constitutifs de l'infraction pour laquelle l'extradition est demandée est en cours dans des juridictions rwandaises ou lorsque le jugement est devenu définitif;
8° umuntu usabirwa koherezwa yamaze kuburanishwa n'urundi rukiko kuri icyo cyaha, akaba yaragizwe umwere, yarakatiwe ibihano cyangwa yararangiye ibihano bye;	8° when the requested person has already been tried by another court for the same offence and was acquitted, convicted or already served his/her sentence;	8° lorsque la personne dont l'extradition est demandée a déjà été jugée par une autre juridiction pour la même infraction et qu'elle a été soit acquittée, condamnée ou a déjà purgé sa peine;
9° iyo umuntu ikindi gihugu gisaba atagishobora gukurikiranwa cyangwa guhanwa kubera amategeko ya kimwe muri ibyo bihugu atabyemera kubera ubusaze bw'icyaha, imbabazi zitangwa n'itegeko cyangwa izindi mpamvu.	9° if person whose extradition is being requested cannot be prosecuted punished due to the prescription of the offence or amnesty or any other reason as provided by one of the Laws of such countries.	9° si la personne dont l'extradition est demandée ne peut plus, en vertu de la législation de l'un ou l'autre des pays, être poursuivie ou punie, en raison de la prescription de l'infraction, d'une amnistie ou de toute autre raison.

<u>Ingingo ya 17: Kumenyesha icyemezo cyo kwanga kohereza ukurikiranyweho icyaha</u> Iyo Minisitiri ufite ubutabera mu nshingano ze cyangwa urukiko rubifitiye ububasha bafashe icyemezo cyo kutohereza umuntu ushakishwa, Minisitiri ufite ubutabera mu nshingano ze asaba mu nyandiko Minisitiri ufite ububanyi n'amahanga mu nshingano ze kumenyesha icyo cyemezo igihugu gisaba. <u>Ingingo ya 18: Iburanisha ry'umuntu ushakishwa utohererejwe igihugu gisaba</u> Iyo u Rwanda rutoherereje ikindi gihugu umuntu ushakishwa rumuburanisha ku cyaha akurikiranyweho rubyumvikanyeho n'igihugu kimusaba. Minisitiri ufite ubutabera mu nshingano ze asaba mu nyandiko Umushinjacyaha Mukuru cyangwa Umushinjacyaha Mukuru wa Gisirikare gusuzuma ibyo umuntu ushakishwa utoherejwe aregwa no gushyikiriza ikirego urukiko rubifitiye ububasha. <u>Ingingo ya 19: Icyemezo cyo kohereza ukurikiranyweho icyaha wasabwe</u> Iyo Minisitiri ufite ubutabera mu nshingano ze abonye ko ari ngombwa kohereza umuntu ushakishwa, yandika icyemezo cyo kumwohereza kigaragaza:	<u>Article 17: Notification of refusal of extradition</u> When the Minister in charge of justice or a competent court decides not to extradite the requested person, the Minister in charge of Justice shall request the Minister in charge of foreign affairs, in writing, to notify the requesting State of the decision taken. <u>Article 18: Trial of a requested person who is not extradited</u> If Rwanda does not extradite the requested person to another country, it shall try him/her with the consent of the requesting State. The Minister in charge of justice shall, in writing request the Prosecutor General or Military Prosecutor General to examine charges of filed against the requested person who is not extradited and file the case to the competent Court. <u>Article 19: Extradition Order</u> If the Minister in charge of Justice considers that it is necessary to extradite the requested person, he/she shall issue an extradition Order indicating:	<u>Article 17: Notification du refus d'extradition</u> Lorsque le Ministre ayant la justice dans ses attributions ou la juridiction compétente décide de ne pas extraditer la personne recherchée, le Ministre ayant la justice dans ses attributions demande par écrit au Ministre ayant les affaires étrangères dans ses attributions d'en notifier l'Etat requérant. <u>Article 18: Procès d'une personne recherchée non extradée</u> Si le Rwanda n'extrade pas une personne recherchée vers un autre pays, il doit la juger avec le consentement de l'Etat requérant. Le Ministre ayant la justice dans ses attributions doit, par écrit, demander au Procureur Général ou à l'Auditeur Général Militaire d'examiner les charges portées contre la personne recherchée non extradée et de transférer son dossier à la juridiction compétente. <u>Article 19: Arrêté d'extradition</u> Lorsque le Ministre ayant la justice dans ses attributions considère qu'il est opportun d'extrader la personne recherchée, il émet un arrêté d'extradition contenant:
--	--	--

1° umwirondoro w'ukurikiranyweho icyaha wasabwe; 2° icyaha gisabirwa iyohereza; 3° igihugu gisaba; 4° aho ukurikiranyweho icyaha wasabwe azatangirwa; 5° igihe ntarengwa cyo gutanga uwo muntu; 6° itariki icyemezo gifatiweho; 7° amazina ya Minisitiri n'umukono we; 8° ikirango cya Repubulika. Minisitiri ufite ubutabera mu nshingano ze yoherereza kandi iyo nyandiko Minisitiri ufite ububanyi n'amahanga mu nshingano ze kugira ngo amenyeshe igihugu gisaba. <u>Ingingo ya 20: Itangwa ry'ukurikiranyweho icyaha wasabwe</u> Minisitiri ufite ubutabera mu nshingano ze yoherereza Umushinjacyaha Mukuru cyangwa Umushinjacyaha Mukuru wa Gisirikare icyemezo cy'iyoherezwa ry'umuntu ushakishwa kugira ngo agishyire mu bikorwa.	1° the identity of the requested person; 2° the offence for which the extradition is requested; 3° the requesting State; 4° the place of surrender of the suspect; 5° the time for surrender; 6° the date of taking of the decision; 7° his/her names and signature; 8° the seal of the Republic. The Minister in charge of justice shall also forward the extradition Order to the Minister in charge of foreign affairs in order to notify the requesting State. <u>Article 20: Surrender of the requested person</u> The Minister in charge of justice shall submit to the Prosecutor General or Military Prosecutor General the extradition Order of the requested person for enforcement.	1° l'identité de la personne recherchée; 2° l'infraction pour laquelle l'extradition est demandée ; 3° l'Etat requérant ; 4° le lieu de remise de la personne recherchée ; 5° le délai de remise ; 6° la date de la prise de décision ; 7° ses noms et signature; 8° le sceau de la République. Le Ministre ayant la justice dans ses attributions transmet l'arrêté d'extradition au Ministre ayant les affaires étrangères dans ses attributions afin qu'il en informe l'Etat requérant. <u>Article 20: Remise de la personne recherchée</u> Le Ministre ayant la justice dans ses attributions transmet l'arrêté d'extradition de la personne recherchée au Procureur Général ou à l'Auditeur Général Militaire en vue de l'exécution.
--	--	---

Umushinjacyaha Mukuru cyangwa Umushinjacyaha Mukuru wa Gisirikare amaze kubona icyemezo cyo kohereza umuntu ushakishwa ahita yoherereza uwo muntu ushakishwa igihugu gisaba. <u>Ingingo ya 21: Igihe ntarengwa cyo gutanga umuntu ushakishwa</u> Igihe ntarengwa cyo gutanga umuntu ushakishwa ni iminsi cumi n'itanu (15) ibarwa uherye igihe icyemezo cyo kumwohereza cyafatiwe. Icyakora, iyo igihugu gisaba kidashobora kubahiriza iminsi cumi n'itanu (15) bitewe n'impamvu zitagiturutseho, gishobora gusaba kongererwa indi minsi cumi n'itanu (15) kibinyujije kuri Minisitiri ufite ububanyi n'amahanga mu nshingano ze. Minisitiri ufite ububanyi n'amahanga mu nshingano ze amenyesha Minisitiri ufite ubutabera mu nshingano ze ko habaye gusaba ko igihe cyongerwa, na we agasuzuma niba iryo saba rifite ishingiro. Iyo iminsi cumi n'itanu (15) y'inyongera irangiye, Igihugu cyasabye kidashoboye kwakira uwo gisabira iyoherezwa, uwo gisaba aburanishwa n'inkiko z'u Rwanda hakurikijwe amategeko y'u Rwanda cyangwa amategeko mpuzamahanga.	Upon receipt of the extradition Order, the Prosecutor General or Military Prosecutor General shall immediately extradite the requested person to the requesting State. <u>Article 21: Time limit for surrender of the requested person</u> The time limit to surrender the requested person shall be fifteen (15) days from the date of issuance of the extradition Order. However, if the requesting State is unable to meet the fifteen (15) day time limit due to reasons beyond its control, it may, through the Minister in charge of foreign affairs, request for an additional fifteen (15) days. The Minister in charge of foreign affairs shall notify the Minister in charge of justice of the request for an extension of the time limit, and the Minister in charge of justice shall examine whether such a request is justified. When the additional fifteen (15) days expire, while the requesting State has failed to receive the person whose extradition is requested, the requested person shall be tried by Rwandan courts in accordance with Rwandan laws or international law.	Après réception de l'arrêté d'extradition, le Procureur Général ou l'Auditeur Général Militaire procède à la remise de la personne recherchée à l'Etat requérant. <u>Article 21: Délai de remise de la personne recherchée</u> Le délai de remise de la personne recherchée est de quinze (15) jours à compter de la date de l'arrêté d'extradition. Toutefois, lorsque l'Etat requérant ne peut pas respecter ce délai de quinze (15) jours pour des circonstances indépendantes de sa volonté, il peut demander par l'intermédiaire du Ministre ayant les affaires étrangères dans ses attributions, quinze (15) jours supplémentaires. Le Ministre ayant les affaires étrangères dans ses attributions informe le Ministre ayant la justice dans ses attributions de cette demande d'extension. Ce dernier examine si la demande d'extension est justifiée. A l'expiration des quinze (15) jours supplémentaires, alors que l'Etat requérant n'a pu recevoir la personne pour laquelle il demande l'extradition, la personne recherchée est jugée par les juridictions du Rwanda conformément aux lois du Rwanda ou au droit international.
---	--	---

<u>Ingingo ya 22: Kohereza by'agateganyo umuntu ushakishwa</u> Iyo umuntu ushakishwa arimo kurangiriza mu Rwanda igihano cy'icyaha gitandukanye n'icyo yasabiwe iyoherezwa, Minisitiri ufite ububanyi n'amahanga mu nshingano ze ashobora gusaba Minisitiri ufite ubutabera mu nshingano ze ko ubushinjacyaha bumwohereza by'agateganyo. Umuntu ushakishwa ashobora koherezwa by'agateganyo iyo: 1° ashinjwa icyaha ariko kitaramuhama; 2° igihugu gisaba cyagaragaje ku buryo budasubirwaho ko umuntu ushakishwa akomeza gufungwa mu gihe yoherejwe by'agateganyo kandi ko azagarurwa mu Rwanda mu minsi mirongo itatu (30) nyuma y'icibwa ry'urubanza yari yahamagajwemo. Iyo igihano umuntu ushakishwa yarangirizaga mu Rwanda kirangiye mu gihe yoherejwe by'agateganyo mu gihugu cyamusabye, iyoherezwa rye rifatwa nk'iryabaye ku buryo budasubirwaho. UMUTWE III: IYOHEREZWA RY'UKURIKIRANYWEHO ICYAHA BISABWE N'U RWANDA	<u>Article 22: Temporary surrender of the requested person</u> Where a requested person is serving a sentence in Rwanda for an offence other than that for which extradition is requested, the Minister in charge of foreign affairs may request the Minister in charge of justice that the Public Prosecution temporarily surrenders the requested person. The requested person may temporary be surrendered if: 1° he/she is accused of an offence but has not yet been convicted; 2° the requesting State has given sufficient guaranties that the requested person shall remain in custody while temporarily surrendered and shall be returned to Rwanda within thirty (30) days after the trial in respect of which he/she had been summoned to appear. Where the requested person's sentence in Rwanda expires while that person is temporarily surrendered to the requesting State, his/her surrender shall be considered final. <u>CHAPTER III: EXTRADITION TO RWANDA</u>	<u>Article 22: Remise provisoire de la personne recherchée</u> Lorsqu'une personne recherchée exécute une peine au Rwanda pour une infraction autre que celle pour laquelle l'extradition est demandée, le Ministre ayant les affaires étrangères dans ses attributions peut demander au Ministre ayant la justice dans ses attributions que l'Organe National de Poursuite procède à la remise provisoire de la personne recherchée. La personne recherchée peut être remise provisoirement lorsque: 1° elle est accusée mais n'est pas encore reconnue coupable; 2° l'Etat requérant a donné des garanties suffisantes que la personne recherchée restera en détention lorsqu'elle est remise provisoirement et sera retournée au Rwanda dans trente (30) jours après le procès dans lequel elle avait été citée de comparaître. Lorsque la peine que la personne recherchée exécute au Rwanda expire au cours de la période où cette personne est provisoirement remise à l'Etat requérant, sa remise est considérée comme définitive. <u>CHAPITRE III: EXTRADITION VERS LE RWANDA</u>
---	--	--

<u>Ingingo ya 23: Gusaba ko ukurikiranyweho icyaha yoherezwa mu Rwanda</u> U Rwanda rushobora gusaba kohererezwa umuntu ushakishwa uri mu gihugu cy'amahanga kugira ngo aburanishwe cyangwa arangirize igihano mu Rwanda. <u>Ingingo ya 24: Urwego rufite ububasha bwo gusaba kohererezwa ukurikiranyweho icyaha</u> Isaba ryo kohererezwa ukurikiranyweho icyaha ritegurwa n'Umushinjacyaha Mukuru cyangwa Umushinjacyaha Mukuru wa Gisirikare mu nyandiko. Isaba rinyuzwa kuri Minisitiri ufite ubutabera mu nshingano ze akarishyikiriza Minisitiri ufite ububanyi n'amahanga mu nshingano ze kugira ngo abimenyeshe igihugu gisabwa. Minisitiri ufite Ububanyi n'Amahanga mu nshingano ze ashayikiriza inyandiko zose zirebana n'isaba ryo kohererezwa ukurikiranyweho icyaha urwego rw'Igihugu gisabwa rufite mu nshingano zarwo ububanyi n'amahanga. <u>Ingingo ya 25: Kohererezwa by'agateganyo ukurikiranyweho icyaha wasabwe</u> Iyo umuntu ushakishwa arimo kurangiza igihano cy'igifungo mu gihugu gisabwa, ariko akoherezwa mu Rwanda by'agateganyo kugira ngo akurikiranwe n'ubutabera ku kindi cyaha, urukiko rubifitiye ububasha rubisabwe	<u>Article 23: Requesting for extradition of a requested person to Rwanda</u> Rwanda may request for extradition of a requested person to be tried or serve his/her sentence in Rwanda. <u>Article 24: Competent authority to request for extradition</u> The extradition request shall be prepared in writing by the Prosecutor General or the Military Prosecutor General. The request shall be transmitted through the Minister in charge of justice to the Minister in charge of foreign affairs who shall communicate the request to the requested State. The Minister in charge of foreign affairs shall forward all documents related to the request to the requested State's authority in charge of foreign affairs. <u>Article 25: Temporary surrender of the requested person</u> Where a requested person has been temporarily surrendered to Rwanda for prosecution while serving a sentence in the requested State, upon request by the Public	<u>Article 23: Demande d'extradition d'une personne recherchée vers le Rwanda</u> Le Rwanda peut demander l'extradition d'une personne recherchée pour être jugée ou purger sa peine au Rwanda. <u>Article 24: Organe compétent pour faire une demande d'extradition</u> La demande d'extradition est préparée par écrit par le Procureur Général ou l'Auditeur Général Militaire. La demande est transmise sous le couvert du Ministre ayant la justice dans ses attributions au Ministre ayant les affaires étrangères dans ses attributions qui le communique à l'Etat requis. Le Ministre ayant les affaires étrangères dans ses attributions transmet tous les documents relatifs à l'extradition à l'organe chargé des affaires étrangères de l'Etat requis. <u>Article 25: Remise provisoire de la personne recherchée</u> Lorsqu'une personne recherchée purge une peine d'emprisonnement dans l'Etat requis mais est extradée provisoirement au Rwanda afin qu'elle soit poursuivie pour une autre infraction, la juridiction compétente ordonne,
---	---	--

n'ubushinjacyaha rufata icyemezo cyo kumufunga by'agateganyo. Nyuma y'iburanishwa, irangizwa ry'igihano cyahamye umuntu woherejwe by'agateganyo mu Rwanda kimwe n'irangizwa ry'igihano cy'igifungo cyagenwe n'igihugu cyamwohereje, rigenwa hakurikijwe amasezerano y'ubwumvikane hagati y'ibihugu byombi. <u>Ingingo ya 26: Ifungwa ry'agateganyo n'iburanishwa ry'umuntu ushakishwa</u> Umuntu ushakishwa woherejwe mu Rwanda afungwa by'agateganyo kandi akaburanishwa hakurikijwe amategeko y'u Rwanda cyangwa amategeko mpuzamahanga. <u>UMUTWE WA IV: INGINGO ZINYURANYE N'IZISOZA</u> <u>Ingingo ya 27: Urukiko ruburanisha ibyerekeye iyoherezwa ry'ukurikiranyweho icyaha</u> Urukiko Rukuru ni rwo ruburanisha ibirego byose byerekeranye n'iyoherezwa ry'ukurikiranyweho icyaha. Ubushinjacyaha cyangwa ukurikiranyweho icyaha usabirwa iyoherezwa ni bo bonyine bemerewe gutanga ikirego n'inyandiko zose zijyanye n'iyoherezwa mu Rukiko Rukuru.	Prosecution, the relevant Court shall, order a provisional detention of that person. After the trial has ended, the enforcement of the sentence imposed on the person who was temporarily surrendered to Rwanda and that of the sentence ordered by the State which surrendered him/her shall be determined following the treaty signed between both States. <u>Article 26: Provisional detention and trial of the requested person</u> The requested person extradited to Rwanda shall provisionally be detained and tried in accordance with the Rwandan laws or international law. <u>CHAPTER IV: MISCELLANEOUS AND FINAL PROVISIONS</u> <u>Article 27: Competent court to hear extradition matters</u> All extradition matters shall be adjudicated by the High Court. The Public Prosecution or the person whose extradition is requested shall be the only ones who are allowed to file a case and all documents in relation to extradition before the High Court.	sur demande de l'Organe National de Poursuite, la détention provisoire de cette personne. Après le procès, l'exécution de la peine infligée à la personne remise provisoirement au Rwanda et celle de la peine ordonnée par le pays qui l'a remise sont déterminées suivant le traité signé entre les deux Etats. <u>Article 26: Détention provisoire et jugement de la personne recherchée</u> La personne recherchée extradée au Rwanda est provisoirement détenue et est jugée conformément aux lois du Rwanda ou au droit international. <u>CHAPITRE IV: DISPOSITIONS DIVERSES ET FINALES</u> <u>Article 27: Juridiction compétente pour connaître des questions d'extradition</u> La Haute Cour est compétente pour juger toutes les affaires relatives à l'extradition. L'organe National de Poursuite ou la personne dont l'extradition est demandée sont les seuls habilités à saisir la Haute Cour et lui soumettre tous les documents en rapport avec l'extradition.
---	--	--

Icyakora, iyo umuntu ushakishwa ari umusirikare cyangwa icyaha akurikiranyweho yaragikoze ari umusirikare, ikirego gishyikirizwa Urukiko Rukuru rwa gisirikare.	However, if the requested person is a military or the offence levelled against him/her was committed when he/she was a military, the action shall be instituted before the Military High Court.	Toutefois, si la personne recherchée est un militaire ou qu'elle a commis l'infraction lorsqu'il était militaire, l'action est intentée devant la Haute Cour Militaire.
<u>Ingingo ya 28: Ihame ryihariye</u>	<u>Article 28: Rule of speciality</u>	<u>Article 28: Règle de la spécialité</u>
Umuntu woherejwe hakurikijwe amasezerano yo kohererezanya ukurikiranyweho icyaha ntashobora gukurikiranwa, kuburanishwa, gufungwa by'agateganyo cyangwa koherezwa mu kindi gihugu azira ikindi cyaha gitandukanye n'icyasabiwe iyoherezwa.	An extradited person in accordance with the extradition treaty shall not be prosecuted, tried, provisionally detained or re-extradited to a third State for an offence other than the one the extradition was requested for.	Une personne extradée aux termes d'un traité d'extradition ne peut être poursuivie, jugée, détenue provisoirement ou ré-extradée à un État tiers pour une infraction autre que celle qui a motivé son extradition.
Icyakora, iyo umuntu ushakishwa yoherejwe igihugu cyamusabye, ntashobora gukurikiranwa no kuburanishwa ku bindi byaha bitandukanye n'ibyasabiwe iyoherezwa hatabanje gukorwa amasezerano avanaho ihame ryihariye rivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo.	However, if the requested person is extradited, he/she shall not be prosecuted or tried for offences other than the ones for which extradition was requested unless the treaty derogating from the rule of speciality referred to under Paragraph One of this Article is entered into.	Toutefois, si la personne recherchée est extradée, elle ne peut être ni poursuivie ni jugée pour des infractions autres que celles pour lesquelles l'extradition est demandée à moins qu'il ne soit conclu un traité dérogeant à la règle de la spécialité visée à l'alinéa premier du présent article.
Urukiko rubifitiye ububasha, rubisabwe n'Ubushinjacyaha rushobora gutegeka ko umuntu ushakishwa wagizwe umwere ku cyaha cyatumye yoherezwa aba afunzwe by'agateganyo mu gihe hagitegerejwe ivanwaho ry'ihame ryihariye.	The relevant court, after a request made by the Public Prosecution may order that a requested person found not guilty of the offence for which extradition is requested be provisionally detained pending the repealing of the special treaty.	La juridiction compétente peut, sur demande de l'Organe National de Poursuite, ordonner la détention provisoire de la personne recherchée qui a été reconnue non coupable de l'infraction sur base de laquelle elle a été extradée en attendant l'abrogation du traité spécial.
<u>Ingingo ya 29: Kunyuzwa ku butaka bw'u Rwanda</u>	<u>Article 29: Transit through the Rwandan territory</u>	<u>Article 29: Transit sur le territoire du Rwanda</u>
Minisitiri ufite ubutabera mu nshingano ze ashobora kwemera ko umuntu ushakishwa	The Minister in charge of justice may authorize the transit through Rwanda of a	Le Ministre ayant la justice dans ses attributions peut autoriser le transit sur le

woherejwe avuye mu gihugu ajanywe mu kindi anyuzwa ku butaka bw'u Rwanda iyo igihugu yoherejwemo kibisabye, kandi asanze impamvu zatanze zifite ishingiro.	requested person surrendered by one State to another, subject to a request by the State of destination, and if he/she considers that the reasons given are well-founded.	territoire du Rwanda d'une personne recherchée extradée d'un Etat vers un autre Etat si l'Etat de destination en fait une demande et s'il constate que les motifs donnés sont fondés.
<u>Ingingo ya 30: Kwishyura amafaranga akenerwa mu iyohereza</u>	<u>Article 30: Payment of costs of extradition</u>	<u>Article 30: Paiement des coûts d'extradition</u>
U Rwanda rwishingira ikiguzi cy'iyoherezwa ry'umuntu ushakishwa bisabwe n'u Rwanda keretse byumvikanyweho ukundi.	Rwanda shall bear the costs of extradition of a requested person whose extradition is requested by Rwanda unless otherwise agreed.	Le Rwanda supporte les coûts de l'extradition d'une personne recherchée dont l'extradition est demandée par le Rwanda à moins qu'il n'en soit convenu autrement.
U Rwanda ni na rwo rwishingira ikiguzi cyerekeranye n'ifatira n'isubiza ry'umutungo cyangwa ifungwa ry'umuntu ushakishwa n'u Rwanda.	Rwanda shall also bear the costs associated with the seizure and return of assets or detention of the person requested by Rwanda.	Le Rwanda supporte également les coûts afférents à la saisie et à la remise des biens ou à la détention de la personne recherchée par le Rwanda.
Igihugu gisaba cyishingira ikiguzi cy'ifungwa ry'agateganyo, icyo kumukura ku butaka bw'u Rwanda, icy'ifatira n'isubiza ry'ibyafatiriwe kimwe n'icy'uruhushya rwo kunyura ku butaka bw'u Rwanda keretse byumvikanyweho ukundi.	The requesting State shall bear the costs associated with provisional detention, transportation of the requested person from Rwanda, seizure and return of the seized property and transit visa through Rwanda unless otherwise agreed.	L'Etat requérant supporte les coûts afférents à la détention provisoire, au transport de la personne recherchée à partir du territoire du Rwanda, à la saisie et à la remise des biens saisis ainsi qu'au visa de transit via le Rwanda à moins qu'il n'en soit convenu autrement.
<u>Ingingo ya 31: Isubiza ry'umutungo</u>	<u>Article 31: Return of assets</u>	<u>Article 31: Remise des biens</u>
Bitabangamiye ibiteganywa n'amategako ya Repubulika y'u Rwanda n'uburenganzira bw'abandi bantu kandi byemejwe na Minisitiri ufite ubutabera mu nshingano ze, umutungo wose ugaragara ku butaka bwa Repubulika y'u Rwanda ukomotse ku cyaha cyakozwe cyangwa ushobora kwakwaho ibimenyetso, usubizwa Leta y'igihugu gisaba, iyo iwusabye kandi iyo	Without prejudice to the legislation of the Republic of Rwanda and rights of third parties, and upon request by the Minister in charge of justice, any asset which is found on the territory of the Republic of Rwanda acquired as a result of the offence or which may be required as evidence, shall be returned to the	Sans préjudice des dispositions de la législation de la République du Rwanda et des droits des tiers et sur approbation du Ministre ayant la justice dans ses attributions, tout bien trouvé sur le territoire de la République du Rwanda dont l'acquisition est le résultat d'une infraction commise ou qui peut être requis comme éléments de preuve est remis à l'Etat

iyoherezwa ry'ukurikiranyweho icyaha ryemewe. Bisabwe na Leta y'igihugu gisaba, umutungo uvugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo ushobora gusubizwa iyo Leta nubwo iyoherezwa ry'ukurikiranyweho icyaha ridashobora gushyirwa mu bikorwa. Igihe cyose uwo mutungo ushobora gufatirwa cyangwa kunyagirwa ku butaka bwa Repubulika y'u Rwanda, Leta y'u Rwanda ishobora kuwugumana by'agateganyo cyangwa ikawusubiza. Bisabwe na Repubulika y'u Rwanda, igihe cyose amategako abiteganyaga kandi hubahirijwe uburenganzira bw'abandi bantu, umutungo wasubijwe ugarurwa mu Rwanda, iyo ikurikiranacyaha rirangiye. <u>Ingingo ya 32: Itegurwa, isuzumwa n'itorwa by'iri tegeko</u> Iri tegeko ryateguwe mu rurimi rw'Igifaransa, risuzumwa kandi ritorwa mu rurimi rw'Ikinyarwanda. <u>Ingingo ya 33: Ivanwaho ry'itegeko n'ingingo zose z'amategako zinyuranyije n'iri tegeko</u> Itegeko ryo kuwa 12/04/1886 ryerekeye kohereza abakoze ibyaha n'ingingo zose z'amategako abanziriza iri kandi zinyuranyije na ryo bivanyweho.	requesting State upon its request and if extradition is granted. Upon request by the requesting State, the asset referred to under Paragraph One of this Article may be returned to that State even if the extradition cannot be granted. Whenever asset can be seized or confiscated on the territory of the Republic of Rwanda, the Government of Rwanda may provisionally keep or return it. Upon request by the Republic of Rwanda, where laws provide so and while respecting the rights of third parties, the returned asset shall be brought back to Rwanda, if the proceedings are over. <u>Article 32: Drafting, consideration and adoption of this Law</u> This Law was drafted in French, considered and adopted in Kinyarwanda. <u>Article 33: Repealing provision</u> The Decree of 12/04/1886 on extradition and all prior legal provisions contrary to this Law are hereby repealed.	requérant sur demande de celui-ci et si l'extradition est accordée. Le bien visé à l'alinéa premier du présent article peut, si l'Etat requérant le demande, être remis à celui-ci même si l'extradition ne peut pas être accordée. Chaque fois qu'un bien est susceptible de saisie ou de confiscation sur le territoire de la République du Rwanda, l'Etat rwandais peut le garder provisoirement ou le remettre. Sur demande de la République du Rwanda, le bien restitué est retourné au Rwanda à la clôture de la procédure, quand les lois le prévoient ainsi et dans le respect des droits des tiers. <u>Article 32: Initiation, examen et adoption de la présente loi</u> La présente loi a été initiée en Français, examinée et adoptée en Kinyarwanda. <u>Article 33: Disposition abrogatoire</u> Le Décret du 12/04/1886 et toutes les dispositions légales antérieures contraires à la présente loi sont abrogées.
---	---	--

<u>Ingingo ya 34:</u> Igihe itegeko ritangira gukurikizwa Iri tegeko ritangira gukurikizwa ku munsu ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda. Kigali, kuwa 02/09/2013 (sé) KAGAME Paul Perezida wa Repubulika	<u>Article 34:</u> Commencement This Law shall come into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda. Kigali, on 02/09/2013 (sé) KAGAME Paul President of the Republic	<u>Article 34:</u> Entrée en vigueur La présente loi entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda. Kigali, le 02/09/2013 (sé) KAGAME Paul Président de la République
(sé) Dr. HABUMUREMYI Pierre Damien Minisitiri w'Intebe	(sé) Dr. HABUMUREMYI Pierre Damien Prime Minister	(sé) Dr. HABUMUREMYI Pierre Damien Premier Ministre
Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika: (sé) BUSINGYE Johnston Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta	Seen and sealed with the Seal of the Republic: (sé) BUSINGYE Johnston Minister of Justice/Attorney General	Vu et scellé du Sceau de la République: (sé) BUSINGYE Johnston Ministre de la Justice/Garde des Sceaux